**IHURIRO RY' IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI**
**FORUM NATIONAL DE CONCERTATION DES FORMATIONS POLITIQUES**
**NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS**

# ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

## ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None ku wa kane, tariki ya 30 Kamena 2022, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Senateri UMUHIRE Adrie.

Ku murongo w'ibyizwe hari:

(1) Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo ku wa 31/03/2022;

(2) Kugezwaho ikiganiro kuri *"Politiki n'ingamba z'Igihugu zo kubungabunga Ibidukikije mu Rwanda no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe"*;

*(3)* Gusuzuma no kwemeza Umushinga wa Gahunda y'Ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2022-2023 n'ingengo y'imari yabyo.

**Imyanzuro y'inama**

Ku ngingo ya mbere (1), Inama Rusange yemeje inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange y'Ihuriro yo kuwa 31 Werurwe 2022 imaze kuyikorera ubugororangingo bw'ireme n'ubw'imyandikire.

Ku ngingo irebana n'ikiganiro kuri *"Politiki n'ingamba z'Igihugu zo kubungabunga Ibidukikije mu Rwanda no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe"*, cyatanzwe na Minisitiri w'ibidukikije Dr MUJAWAMARIYA Jeanne D'Arc, yagarutse ku bikubiye muri iyi politiki, ibibazo byugarije ibidukikije n'ingamba Guverinoma y'u Rwanda yafashe zo guhangana nabyo.

Mu gusoza ikiganiro cye, Minisitiri w'Ibidukikije yasabye Imitwe ya Politiki gushyira muri gahunda zayo ibirebana no kubungabunga ibidukikije, kugira uruhare no kwitabira gutegura ingemwe z'ibiti bizaterwa kuva mu kwezi k'Ukwakira 2022 mu rwego rwo gukomeza kubungabunga ibidukikije no kurwanya isuri itwara ubutaka bwinshi bw'u Rwanda.

Inama Rusange yashimye ingamba ziriho zo kubungabunga ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, yizeza ubufatanye n'uruhare rwayo mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki.

Inama Rusange yemeje Gahunda y'Ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2022-2023 n'ingengo y'imari yabyo.

Email: info@forumfp.org.rw B.P: 7459 Kigali / Rwanda Website: http://www.forumfp.org.rw/

IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKE N.F.P.O B.P.: 7459 KIGALI

Inama Rusange yashimiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul KAGAME n'ubuyobozi bw'u Rwanda muri rusange ku migendekere myiza y'inama y'Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma zo mu Muryango w'Ibihugu bikoresha icyongereza (CHOGM); yabereye mu Rwanda kuva ku itariki ya 20 kugera ku ya 25 Kamena 2022.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 30 Kamena 2022.

**GISAGARA Théoneste**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**

URUGAGA RW'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO
NFPO
B.P.: 7459 KIGALI
RY'IMITWE YA POLITIKE